**ITEGEKO N° 17/2019 RYO KU WA 10/08/2019 RYEREKEYE KUBUZA IKORWA, ITUMIZWA MU MAHANGA, IKORESHWA N'ICURUZWA RY'AMASASHE N'IBIKORESHO BIKOZWE MURI PULASITIKI BIKORESHWA INSHURO IMWE**

**LAW N° 17/2019 OF 10/08/2019 RELATING TO THE PROHIBITION OF MANUFACTURING, IMPORTATION, USE AND SALE OF PLASTIC CARRY BAGS AND SINGLE-USE PLASTIC ITEMS**

**LOI N° 17/2019 DU 10/08/2019 PORTANT INTERDICTION DE FABRICATION, D'IMPORTATION, D'UTILISATION ET DE COMMERCIALISATION DES SACS EN PLASTIQUE ET DES OBJETS EN PLASTIQUE À USAGE UNIQUE**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: KUBUZA NO KUGENZURA AMASASHE N'IBIKORESHO BIKOZWE MURI PULASITIKI BIKORESHWA INSHURO IMWE**

**Ingingo ya 3: Kubuza amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe**

**Ingingo ya 4: Uruhushya rwihariye**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions**

**CHAPTER II: PROHIBITION AND CONTROL OF PLASTIC CARRY BAGS AND SINGLE-USE PLASTIC ITEMS**

**Article 3: Prohibition of plastic carry bags and single-use plastic items**

**Article 4: Exceptional autorisation**

**TABLE DES MATIÈRES**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions**

**CHAPITRE II : INTERDICTION ET CONTRÔLE DES SACS EN PLASTIQUE ET DES OBJETS EN PLASTIQUE À USAGE UNIQUE**

**Article 3: Interdiction des sacs en plastique et des objets en plastiques à usage unique**

**Article 4: Autorisation exceptionnelle**

**Ingingo ya 5: Amahoro y'ibidukikije**

**UMUTWE WA III: GUKUSANYA, KUNAGURA NO KUGENZURA AMASASHE N'IBIKORESHO BIKOZWE MURI PULASITIKI BIKORESHWA INSHURO IMWE**

**Ingingo ya 6: Gukusanya amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe**

**Ingingo ya 7: Kunagura amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe byakoreshejwe**

**Ingingo ya 8: Inzego zishinzwe kugenzura**

**UMUTWE WA IV: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI**

**Ingingo ya 9: Gukora amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe**

**Ingingo ya 10: Kwinjiza mu Gihugu amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe**

**Article 5: Environmental levy**

**CHAPTER III: COLLECTION, RECYCLING AND INSPECTION OF PLASTIC CARRY BAGS AND SINGLE-USE PLASTIC ITEMS**

**Article 6: Collection of plastic carry bags and single-use plastic items**

**Article 7: Recycling used plastic carry bags and single-use plastic items**

**Article 8: Institutions responsible for inspection**

**CHAPTER IV: ADMINISTRATIVE SANCTIONS**

**Article 9: Manufacturing of plastic carry bags and single-use plastic items**

**Article 10: Importation of plastic carry bags and single-use plastic items**

**Article 5: Taxe environnementale**

**CHAPITRE III: COLLECTE, RECYCLAGE ET INSPECTION DES SACS EN PLASTIQUE ET DES OBJETS EN PLASTIQUE À USAGE UNIQUE**

**Article 6 : Collecte de sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique**

**Article 7 : Recyclage des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique utilisés**

**Article 8 : Institutions chargées d'inspection**

**CHAPITRE IV : SANCTIONS ADMINISTRATIVES**

**Article 9 : Fabrication des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique**

**Article 10 : Importation des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 11: Kuranguza amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe** | **Article 11: Wholesale of plastic carry bags and single-use plastic items** | **Article 11 : Vente en gros des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique** |
| **Ingingo ya 12: Gucuruza amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe** | **Article 12: Retailing of plastic carry bags and single-use plastic items** | **Article 12 : Vente en détail des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique** |
| **Ingingo ya 13: Kurunda cyangwa kujugunya imyanda y'amasashe n'ibindi bikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe ahatemewe** | **Article 13: Piling or disposing of plastic carry bag waste and other single-use plastic items on unauthorised place** | **Article 13 : Empiler ou jeter des déchets de sacs en plastique et des autres objets en plastique à usage unique dans un lieu non autorisé** |
| **Ingingo ya 14: Isubirakosa** | **Article 14: Recidivism** | **Article 14 : Récidive** |
| **Ingingo ya 15: Igihe cyo kwishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi** | **Article 15: Period for payment of an administrative fine** | **Article 15 : Délai de paiement d'une amende administrative** |
| **Ingingo ya 16: Urwego rushinzwe kwishyuza ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi** | **Article 16: Authority responsible for the recovery an administrative fine** | **Article 16 : Autorité chargée du recouvrement d'une amende administrative** |
| **UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE V : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 17: Igihe cy'inzibacyuho** | **Article 17: Transitional period** | **Article 17 : Période transitoire** |
| **Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 18: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 18 : Initiation, examen et adoption de la présente loi** |

**<u>Ingingo ya 19</u>: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**<u>Ingingo ya 20</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**<u>Article 19</u>: Repealing provision**

**<u>Article 20</u>: Commencement**

**<u>Article 19 :</u> Disposition abrogatoire**

**<u>Article 20 :</u> Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N° 17/2019 RYO KU WA 10/08/2019 RYEREKEYE KUBUZA IKORWA, ITUMIZWA MU MAHANGA, IKORESHWA N'ICURUZWA RY'AMASASHE N'IBIKORESHO BIKOZWE MURI PULASITIKI BIKORESHWA INSHURO IMWE**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 12 Kamena 2019;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 22, iya 53, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120 n'iya 176;

**LAW N° 17/2019 OF 10/08/2019 RELATING TO THE PROHIBITION OF MANUFACTURING, IMPORTATION, USE AND SALE OF PLASTIC CARRY BAGS AND SINGLE-USE PLASTIC ITEMS**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 12 June 2019;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 22, 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;

**LOI N° 17/2019 DU 10/08/2019 PORTANT INTERDICTION DE FABRICATION, D'IMPORTATION, D'UTILISATION ET DE COMMERCIALISATION DES SACS EN PLASTIQUE ET DES OBJETS EN PLASTIQUE À USAGE UNIQUE**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés, en sa séance du 12 juin 2019 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 22, 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176 ;

Isubiye ku Itegeko n° 57/2008 ryo ku wa 10/09/2008 ryerekeye kubuza ikorwa, itumizwa, ikoreshwa n'icuruzwa ry'amasashe akozwe muri pulasitiki mu Rwanda;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko ribuza ikorwa, itumizwa mu mahanga, ikoreshwa n'icuruzwa ry'amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **igikoresho gikozwe muri pulasitiki gikoreshwa inshuro imwe:** igikoresho kijugunywa gikozwe muri pulasitiki cyagenewe gukoreshwa inshuro imwe mbere yuko kijugunywa cyangwa kinagurwa. Ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe birimo ibikoresho bya pulasitiki bipfunyikwamo ibintu ndetse

Having reviewed Law n° 57/2008 of 10/09/2008 relating to the prohibition of manufacturing, importation, use and sale of polythene bags in Rwanda;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law prohibits the manufacturing, importation, use and sale of plastic carry bags and single-use plastic items.

**Article 2: Definitions**

As used in this Law, the following terms have the meanings assigned to them below:

1° **single-use plastic item:** a disposable plastic item designed to be used once before it is discarded or recycled. Single-use plastic items include plastic carry bags, oxo-degradable plastics and other items whose part is made from plastic material;

Revu la Loi n° 57/2008 du 10/09/2008 portant interdiction de la fabrication, l'importation, l'utilisation et la commercialisation des sachets en plastique au Rwanda;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi interdit la fabrication, l'importation, l'utilisation et la commercialisation des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique.

**Article 2: Définitions**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

1° **objet en plastique à usage unique :** objet en plastique jetable conçu pour être utilisé une fois avant d'être jeté ou recyclé. Les objets en plastique à usage unique incluent des sacs en plastique, les plastiques oxodégradables et autres objets dont une partie est fabriquée en plastique;

n'ibikoresho bya pulasitiki zo mu bwoko bwa *oxo-degradable plastics* n'ibindi bikoresho bifite igice kimwe gikozwe muri pulasitiki;

2º **igikoresho gikoze muri pulasitiki ibora:** igikoresho cyose gikozwe muri pulasitiki ikoreshwa inshuro imwe cyangwa isashe bikorwa haherewe ku binyabutabire biboneka mu bimera kandi bibora mu miterere isanzwe;

3º **isashe:** igikoresho mvaruganda gikozwe muri pulasitiki cy'uburemere buke gikozwe n'uruhererekane rw'imiti y'ubutabire gikoreshwa mu gupfunyika cyangwa gutwaramo ibintu;

4º **kunagura:** uburyo bwo gukusanya no gutunganya ibikoresho bya pulasitiki byakagombye kujugunywa nk'imyanda hagamijwe kubikuramo ibikoresho bishya;

*5º* ***oxo-degradable plastics*****:** ibikoresho bya pulasitiki byo mu bwoko bwa peteroli byongewemo ibintu bituma ibyo bikoresho iyo bihuye na ogisijeni bishwanyagurika bikavamo uduce duto twa pulasitiki cyangwa ibinyabutabire bishenguka, akenshi bikunze kwitwa *oxo-biodegradable*, *photo-degradable*,

2º **compostable plastic material:** any material made from single-use plastic or plastic carry bag made from plant-based synthetic materials capable of undergoing biological decomposition in natural conditions;

3º **plastic carry bag:** a synthetic industrial product with a low density composed of numerous ethane molecules used in packaging or carrying products;

4º **recycling:** the process of collecting and processing plastic materials that would otherwise be thrown away as trash and turning them into new products;

5º **oxo-degradable plastics**: petroleum based plastic materials that include additives, which through oxidation lead to the fragmentation of the plastic material into micro-fragments or to chemical decomposition, often also referred to as oxo-biodegradable, photo-degradable, thermo-degradable, oxo-

2º **matériel plastique compostable :** tout objet en plastique à usage unique ou en sachet en plastique fabriqué en produits synthétiques à base de plantes capable de subir une décomposition biologique dans des conditions naturelles ;

3º **sac en plastique:** produit industriel synthétique à faible densité composé de nombreuses molécules d'éthane utilisées dans le conditionnement ou le transport de produits;

4º **recyclage :** action de récupérer et de traiter les déchets du matériel en plastique qui, au lieu d'être jetés, sont transformés en nouveaux produits ;

5º **plastique oxodégradable :** matières plastiques contenant des additifs qui, par oxydation, entraînent la fragmentation de la matière plastique en micro-fragments ou la décomposition chimique, souvent dénommées oxobiodégradables, photodégradables, thermo-dégradables, oxo-fragmentables ou additifs pro-

*thermo-degradable, oxo-fragmentable* cyangwa pulasitiki zirimo pro-oxidant additive;

6º **pulasitiki:** ikintu gikomoka ku binyabutabire bya peteroli bitaremereye, byorohereye kandi bitabora;

7º **umuntu:** umuntu ku giti cye, abantu benshi, sosiyete y'ubucuruzi, umuryango cyangwa amakoperative bifite ubuzima gatozi;

8º **Urwego rubifitiye ububasha:** ikigo cy'Igihugu gishinzwe kubungabunga ibidukikije;

9º ***woven polypropylene***: *polypropylene* ikoze mu budodo buboshye/busobekeranye impande zombi mu rwego rwo gukora igikoresho kitaremereye ariko gikomeye kandi kiramba.

fragmentable or pro-oxidant additive containing plastics;

6º **plastic:** a material derived from petrochemicals that are lightweight, soft and non-compostable;

7º **person:** an individual, a group of individuals, a company, an organisation or a cooperative with legal personality;

8º **competent authority:** the national institution in charge of environmental protection;

9º **woven polypropylene:** polypropylene strips/threads that have been woven in two directions (warp and weft) to create a light, but strong and heavy duty material.

oxydants contenant les matières en plastique ;

6º **plastique :** matériel provenant de produits pétrochimiques qui sont légers, doux et non compostables ;

7º **personne :** personne physique, groupe de personnes, société commerciale, organisation, ou coopérative dotés d'une personnalité juridique;

8º **autorité compétente :** institution nationale ayant la protection de l'environnement dans ses attributions;

9º **polypropylène tissé :** polypropylène constitué de bandes/fils de polypropylène qui ont été tissés dans deux directions (chaîne et trame) pour créer un matériau léger mais solide et robuste.

**UMUTWE WA II: KUBUZA NO KUGENZURA AMASASHE N'IBIKORESHO BIKOZWE MURI PULASITIKI BIKORESHWA INSHURO IMWE**

**Ingingo ya 3: Kubuza amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe**

Ikorwa, itumizwa mu mahanga, ikoreshwa cyangwa icuruzwa ry'amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe rirabujijwe.

**Ingingo ya 4: Uruhushya rwihariye**

Ikorwa, itumizwa mu mahanga, ikoreshwa cyangwa icuruzwa ry'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki ibora mu miterere isanzwe cyangwa *woven polypropylene* biremewe iyo byabanje gutangirwa uruhushya n'Urwego rubifitiye ububasha.

Umuntu wifuza gukora, gutumiza no kohereza mu mahanga cyangwa gukoresha amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe cyangwa gupfunyika ibicuruzwa mu masashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe, bitewe n'impamvu zihariye, asaba mu nyandiko uruhushya

**CHAPTER II: PROHIBITION AND CONTROL OF PLASTIC CARRY BAGS AND SINGLE-USE PLASTIC ITEMS**

**Article 3: Prohibition of plastic carry bags and single-use plastic items**

The manufacturing, use, importation or sale of plastic carry bags and single-use plastic items is prohibited.

**Article 4: Exceptional authorisation**

The manufacturing, importation, use or sale of home compostable plastic items or woven polypropylene is allowed subject to prior authorisation from the competent authority.

A person who intends to manufacture, import and export or use plastic carry bags and single-use plastic items or pack goods in plastic material and single-use plastic items for exceptional reasons applies in writing for an exceptional authorisation issued by the competent authority.

**CHAPITRE II : INTERDICTION ET CONTRÔLE DES SACS EN PLASTIQUE ET DES OBJETS EN PLASTIQUE À USAGE UNIQUE**

**Article 3 : Interdiction des sacs en plastique et des objets en plastiques à usage unique**

La fabrication, l'utilisation, l'importation ou la commercialisation des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique sont interdites.

**Article 4: Autorisation exceptionnelle**

La fabrication, l'importation, l'utilisation ou la commercialisation des objets en plastique naturellement compostable ou de polypropylène tissé sont autorisées sous réserve de l'autorisation préalable de l'autorité compétente.

Une personne ayant l'intention de fabriquer, importer et exporter ou utiliser des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique ou emballer des marchandises dans du plastique et des objets en plastique à usage unique pour des raisons exceptionnelles demande par écrit une autorisation

rwihariye rutangwa n'Urwego rubifitiye ububasha.

Urwego rubifitiye ububasha rushyiraho imirongo ngenderwaho ku bikurikizwa n'ibisabwa kugira ngo hatangwe uruhushya rwihariye.

**Ingingo ya 5: Amahoro y'ibidukikije**

Ibicuruzwa bitumijwe mu mahanga bipfunyitse mu masashe cyangwa mu bikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe byishyurirwa amahoro y'ibidukikije hakurikijwe amategeko abigenga.

**UMUTWE WA III: GUKUSANYA, KUNAGURA NO KUGENZURA AMASASHE N'IBIKORESHO BIKOZWE MURI PULASITIKI BIKORESHWA INSHURO IMWE**

**Ingingo ya 6: Gukusanya amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe**

Umuntu wese ukora, uranguza cyangwa ucuruza amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe agomba gushyiraho uburyo bwo gukusanya no gutandukanya amasashe n'ibikoresho

The competent authority establishes guidelines on procedures and conditions for the issue of exceptional authorisation.

**Article 5: Environmental levy**

Imported goods packaged in plastic material or single-use plastic items are subject to an environmental levy in accordance with relevant laws.

**CHAPTER III: COLLECTION, RECYCLING AND INSPECTION OF PLASTIC CARRY BAGS AND SINGLE-USE PLASTIC ITEMS**

**Article 6: Collection of plastic carry bags and single-use plastic items**

Every manufacturer, wholesaler or retailer of plastic carry bags or single-use plastic items must put in place mechanisms to collect and segregate used plastic carry bags and single-

exceptionnelle préalable délivrée par l'autorité compétente.

L'Autorité compétente établit des lignes directrices sur les procédures et les conditions d'octroi d'une autorisation exceptionnelle.

**Article 5: Taxe environnementale**

Les marchandises importées emballées dans du plastique ou des objets en plastique à usage unique sont soumis à une taxe environnementale conformément à la législation en la matière.

**CHAPITRE III: COLLECTE, RECYCLAGE ET INSPECTION DES SACS EN PLASTIQUE ET DES OBJETS EN PLASTIQUE À USAGE UNIQUE**

**Article 6 : Collecte de sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique**

Tout fabricant, grossiste ou détaillant des sacs en plastique ou des objets en plastique à usage unique doit mettre en place des mécanismes pour la collecte et la séparation des sacs en plastique et des objets en plastique à usage

bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe byakoreshejwe no kubishyikiriza inganda zibinagura.

**Ingingo ya 7: Kunagura amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe byakoreshejwe**

Umuntu wese unagura amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe byakoreshejwe agomba kubikora mu buryo butangiza ibidukikije.

**Ingingo ya 8: Inzego zishinzwe kugenzura**

Inzego zishinzwe kugenzura ikorwa, itumizwa n'iyoherezwa mu mahanga, ikoreshwa cyangwa icuruzwa ry'amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe ni izi zikurikira:

1º Polisi y'u Rwanda;
2º Urwego rushinzwe Gasutamo;
3º Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha;
4º Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije;
5º Ikigo cy'Igihugu gitsura Ubuziranenge;

use plastic items and hand them over to the recycling plants.

**Article 7: Recycling used plastic carry bags and single-use plastic items**

Every person recycling used plastic carry bags and single-use plastic items must do it in a way that protects the environment.

**Article 8: Institutions responsible for inspection**

Institutions responsible for inspection of manufacturing, importation and exportation, use or sale of plastic carry bags or single-use plastic items are the following:

1º Rwanda National Police;
2º Institution in charge of Customs;
3º Rwanda Investigation Bureau;
4º Rwanda Environment Management Authority;
5º Rwanda Standards Board;

unique utilisés et les remettre aux usines de recyclage.

**Article 7 : Recyclage des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique utilisés**

Toute personne procédant au recyclage des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique utilisés doit le faire d'une manière à assurer la protection de l'environnement.

**Article 8 : Institutions chargées d'inspection**

Les institutions chargées d'inspecter la fabrication, l'importation et l'exportation, l'utilisation ou la commercialisation des sacs en plastique ou des objets en plastique à usage unique sont les suivantes:

1º la Police Nationale du Rwanda,
2º l'Institution chargée des Douanes;
3º l'Office Rwandais d'Investigation;
4º l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement;
5º l'Office Rwandais de Normalisation;

6º Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge, Ihiganwa mu Bucuruzi no Kurengera abaguzi;

7º inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage.

**UMUTWE WA IV: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI**

**Ingingo ya 9: Gukora amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe**

Umuntu ukora amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe ahanishwa gufungirwa ibikorwa, kwamburwa ayo masashe n' ibyo bikoresho no kwishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana na miliyoni icumi z'amafaranga y'u Rwanda (10.000.000 FRW).

**Ingingo ya 10: Kwinjiza mu Gihugu amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe**

Umuntu utumiza mu mahanga amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe ahanishwa kwamburwa ayo masashe n'ibyo bikoresho no

6º Rwanda Inspectorate, Competition and Consumer Protection Authority;

7º administrative decentralised entities.

**CHAPTER IV: ADMINISTRATIVE SANCTIONS**

**Article 9: Manufacturing of plastic carry bags and single-use plastic items**

A person who manufactures plastic carry bags and single-use plastic items is liable to closure of the activity, dispossession of those plastic carry bags and such items and to an administrative fine of ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).

**Article 10: Importation of plastic carry bags and single-use plastic items**

A person who imports plastic carry bags and single-use plastic items is liable to dispossession of those plastic carry bags and such items and to an administrative fine

6º l'Office Rwandais d'Inspection, de Concurrence et de Protection du Consommateur;

7º les entités administratives décentralisées.

**CHAPITRE IV : SANCTIONS ADMINISTRATIVES**

**Article 9 : Fabrication des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique**

Une personne qui fabrique les sacs en plastique et les objets en plastique à usage unique est passible de la fermeture des activités, de la dépossession de ces sacs en plastique et de ces objets et d'une amende administrative de dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).

**Article 10 : Importation des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique**

Une personne qui importe des sacs en plastique et objets en plastique à usage unique est passible de la dépossession de ces sacs en plastique et de ces objets et d'une amende administrative

kwishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'inshuro icumi (10) z'agaciro k'ayo masashe n'ibyo bikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe.

equivalent to ten (10) times of the value of those plastic carry bags and single-use plastic items.

équivalent à dix (10) fois de la valeur de ces sacs en plastique et objets en plastique à usage unique.

**Ingingo ya 11: Kuranguza amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe**

Umuntu uranguza amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana arindwi (700.000 FRW) kandi ayo amasashe n' ibyo bikoresho akabyamburwa.

**Article 11: Wholesale of plastic carry bags and single-use plastic items**

A wholesaler of plastic carry bags and single-use plastic items is liable to an administrative fine of seven hundred thousand Rwandan francs (FRW 700, 000) and dispossession of those plastic carry bags and such items.

**Article 11 : Vente en gros des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique**

Une personne qui vend en gros des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique est passible d'une amende administrative de sept cent mille francs rwandais (700.000 FRW) et de la dépossession de ces sacs en plastique et de ces objets.

**Ingingo ya 12: Gucuruza amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe**

Umuntu ucuruza mu buryo butaranguza amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atatu (300.000 FRW) kandi ayo masashe n'ibyo bikoresho akabyamburwa.

**Article 12: Retailing of plastic carry bags and single-use plastic items**

A retailer of plastic carry bags and single-use plastic items is liable to an administrative fine of three hundred thousand Rwandan francs (FRW 300,000) and dispossession of those plastic carry bags and such items.

**Article 12 : Vente en détail des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique**

Une personne qui vend en détail des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique est passible d'une amende administrative de trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW) et d'une dépossession de ces sacs en plastique et de ces objets.

Urwego rubifitiye ububasha rugena uburyo bw'imicungire y'amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe byambuwe bivugwa mu ngingo ya 9, iya 10, iya 11 n'iya 12.

The competent Authority determines the modalities of managing the dispossessed plastic carry bags and single-use plastic items referred to in Articles 9, 10, 11 and 12.

L'autorité compétente détermine les modalités de gestion des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique dépossédés visés aux articles 9, 10, 11 et 12.

**<u>Ingingo ya 13</u>: Kurunda cyangwa kujugunya imyanda y'amasashe n'ibindi bikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe ahatemewe**

**<u>Article 13</u>: Piling or disposing of plastic carry bag waste and other single-use plastic items on unauthorised place**

**<u>Article 13 :</u> Empiler ou jeter des déchets de sacs en plastique et des autres objets en plastique à usage unique dans un lieu non autorisé**

Umuntu wese urunda cyangwa ujugunya imyanda y'amasashe n'ibikoresho bya pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe ahantu adafitiye uruhushya haba aha Leta cyangwa ah'umuntu ku giti cye, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRW) kandi agategekwa kuvanaho iyo myanda no gusubiranya ibyo yangije.

Any person who piles or disposes of plastic carry bag waste and other single-use plastic items on unauthorised public or private place is liable to an administrative fine of fifty thousand Rwandan francs (FRW 50,000) and is ordered to remove such waste and repair damages caused by him or her.

Toute personne qui empile ou jette des déchets de sacs en plastique et des autres objets en plastique à usage unique dans un lieu public ou privé non autorisé est passible d'une amende administrative de cinquante mille francs rwandais (50.000 FRW) et est tenue d'enlever ces déchets et de réparer les dommages qu'elle a causés.

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe n'umuntu ufite uruhushya rwihariye rwo gukoresha amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe cyangwa gutunganya imyanda, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5.000.000 FRW). Uruhushya kandi rurahagarikwa cyangwa akarwamburwa.

If the acts referred to in Paragraph One of this Article are committed by a person having exceptional authorisation to use plastic carry bags and single-use plastic items or to treat waste, he or she is liable to an administrative fine of five million Rwandan francs (FRW 5,000,000). The authorisation is also suspended or withdrawn.

Lorsque les actes visés à l'alinéa premier du présent article sont commis par une personne ayant une autorisation exceptionnelle d'utiliser les sacs en plastique et les objets en plastique à usage unique ou de traiter les déchets, cette personne est passible d'une amende administrative de cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW). L'autorisation est également suspendue ou retirée.

**Ingingo ya 14: Isubirakosa**

Iyo ibikorwa bivugwa mu ngingo ya 9, iya 10, iya 11, iya 12 n'iya 13 z'iri tegeko byongeye gukorwa, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi yikuba kabiri.

**Ingingo ya 15: Igihe cyo kwishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi**

Umuntu uciwe ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iteganywa muri iri tegeko, ayishyura mu gihe cy'iminsi itarenze irindwi (7) y'akazi ibarwa uhereye igihe yabimenyesherejwe mu nyandiko kandi ibikorwa bye biba bihagaritswe by'agateganyo iyo bihari.

Iyo uwaciwe ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi uvugwa mu gika kibanziriza iki atubahirije ibiteganwa muri icyo gika, ayishyura yongeyeho inyungu y'ubukererwe ingana na rimwe n'igice ku ijana (1,5 %) yayo yagombaga kwishyura kuri buri munsi w'ubukererwe.

**Ingingo ya 16: Urwego rushinzwe kwishyuza ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi**

Inzego zishinzwe kugenzura no gukurikirana kubuza ikorwa, itumizwa mu mahanga,

**Article 14: Recidivism**

In case of recidivism of acts provided for in Articles 9, 10, 11, 12 and 13 of this Law, the administrative fine is doubled.

**Article 15: Period for payment of an administrative fine**

A person subject to the payment of an administrative fine provided for in this Law is required to pay them within seven (7) working days from receipt of the written notice with a temporary closure of the activities, if any.

If the person referred to in the preceding Paragraph is subject to the payment of an administrative fine and fails to comply with the provisions of the same Paragraph, he or she pays the amount due with late interest of one point five percent (1.5 %) of this amount for each day of delay.

**Article 16: Authority responsible for the recovery an administrative fine**

Institutions responsible for inspection and control of the prohibition of manufacturing,

**Article 14 : Récidive**

En cas de récidive des actes prévus aux articles 9, 10, 11, 12 et 13 de la présente loi, l'amende administrative est portée au double.

**Article 15 : Délai de paiement d'une amende administrative**

Une personne qui se voit imposer une amende administrative prévue par la présente loi s'en acquitte dans les sept (7) jours ouvrables suivant la réception d'un avis écrit avec une suspension temporaire des activités, le cas échéant.

Si la personne visée à l'alinéa précédent se voit imposer l'amende administrative et ne respecte pas les dispositions dudit alinéa, elle paie le montant dû avec des intérêts de retard d'un point cinq pourcent (1,5 %) de ce montant pour chaque jour de retard.

**Article 16 : Autorité chargée du recouvrement d'une amende administrative**

Les institutions chargées de l'inspection et du contrôle de l'interdiction de la fabrication,

ikoreshwa n'icuruzwa ry'amasashe n'ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe zavuzwe mu ngingo ya 8 y'iri tegeko zifite ububasha bwo kwishyuza ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi.

Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ishyirwa mu Kigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije.

**UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 17: Igihe cy'inzibacyuho**

Ibikoresho bikozwe muri pulastiki bikoreshwa inshuro imwe byatumijwe cyangwa biri mu bubiko ntibigengwa n'iri tegeko mu gihe cy'amezi atatu (3) uhereye igihe iri tegeko ryatangiye gukurikizwa.

Inganda zo mu Rwanda zisanzwe zikora ibikoresho bikozwe muri pulasitiki bikoreshwa inshuro imwe, zigomba gukurikiza ibiteganywa n'iri tegeko mu gihe kitarenze imyaka ibiri (2) uhereye ku munsi iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

importation, use and sale of plastic carry bags and single-use plastic items referred to in Article 8 of this Law are entrusted with powers to enforce payment of the administrative fine.

The administrative fine is deposited into the National Fund for Environment.

**CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 17: Transitional period**

Single-use plastic items which are already ordered or in stock are exempted from the application of this Law within three (3) months from the commencement of this Law.

The existing factories in Rwanda manufacturing single-use plastic items must comply with the provisions of this Law within two (2) years from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

l'importation, l'utilisation et la commercialisation des sacs en plastique et des objets en plastique à usage unique visées à l'article 8 de la présente loi, ont les pouvoirs de recouvrer l'amende administrative.

L'amende administrative est versée au Fond National de l'Environnement.

**CHAPITRE V : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 17 : Période transitoire**

Les objets en plastique à usage unique qui sont déjà commandés ou en stock sont exonérés de l'application de la présente loi dans les trois (3) mois suivant l'entrée en vigueur de la présente loi.

Les usines existantes au Rwanda qui fabriquent des objets en plastique à usage unique doivent se conformer aux dispositions de la présente loi dans les deux (2) ans suivant la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko n° 57/2008 ryo ku wa 10/09/2008 ryerekeye kubuza ikorwa, itumizwa, ikoreshwa n'icuruzwa ry'amasashe akozwe muri pulasitiki mu Rwanda n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 20: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, on 10/08/2019

**Article 18: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.

**Article 19: Repealing provision**

Law n° 57/2008 of 10/09/2008 relating to the prohibition of manufacturing, importation, use and sale of polythene bags in Rwanda and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

**Article 20: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 10/08/2019

**Article 18 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

**Article 19 : Disposition abrogatoire**

La Loi n° 57/2008 du 10/09/2008 portant interdiction de la fabrication, l'importation, l'utilisation et la commercialisation des sachets en plastique au Rwanda et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 20 : Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 10/08/2019

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux